**ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI**
**IHUZA ABANYARWANDA**
**PARTI DEMOCRATE CENTRISTE / PDC**
**B.P 2348 KIGALI**

ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI * IHUZA ABANYARWANDA * PDC
UBUVANDIMWE-UMURIMO-UBUTABERA
PARTI DEMOCRATE CENTRISTE
B.P.2348 KICALI

# AMATEGEKO NGENGAMIKORERE

**Nyakanga 2003**

## ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI IHUZA ABANYARWANDA
## PARTI DEMOCRATE CENTRISTE / PDC

### AMATEGEKO NGENGAMIKORERE

Inteko rusange y'Ishyaka riharanira demokarasi ihuza abanyarwanda (PDC) ;
Iteraniye mu nama yo ku wa 6 nyakanga 2003;
Imaze kubona amategeko agenga Ishyaka PDC cyane cyane mu ngingo yayo ya 54;
Ishyizeho amategeko ngengamikorere y'Ishyaka PDC akurikira :

**Umutwe wa 1 : Ibyerekeye ingengabitekerezo**

**Ingingo ya 1 :**

PDC ni Ishyaka riharanira Demokarasi ishingiye ku bumuntu, burangwa no guha umuntu agaciro kamukwiye, bunamusaba kugira uruhare mu gutunganya isi no gutsura imibereho myiza n'ubusabane mu bayituye. Ubwo bumuntu bushingiye ahanini ku migenzo myiza y'imbonezabupfura no mu myifatire y'umuntu wese ukwiye iryo zina, ituma atandukana n'ibikoko cyangwa ibindi bintu bitagira ubwenge n'umutima.

Ishyaka PDC ryemera amahame remezo akurikira :

1. Umuntu abereye ku isi kugira ngo ayihindure nziza. Bityo, Igihugu kigomba mbere na mbere gutezwa imbere n'ubwitange bwa benecyo ;

2. Demokarasi ishingiye ku bumuntu ni inzira nyakuri yo kurengera inyungu za rubanda binyuze mu migenzo myiza cyane cyane y'urukundo, ubuvandimwe, ukuri, kwihanganirana, ubutabera, gukunda umurimo, gusangira byose no kubaha indi migenzereze ihesha umuntu agaciro ;

3. Ubumwe bw'abenegihugu ni inkingi y'amajyambere arambye y'Igihugu;

4. Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu ni ishingiro ry'imiyoborere myiza n'Igihugu kigendera ku mategeko.

5. Demokarasi igomba kandi gushingira ku bitekerezo n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere myiza y'Igihugu ;

6. Kugendera ku bitekerezo bya politiki binyuranye bituma habaho ubwisanzure busesuye mu gutanga umusanzu wo guteza imbere Igihugu kandi ntibigomba kuba intandaro y'ubushyamirane bw'abenegihugu.

**Ingingo ya 2** :

Kugira ngo Ishyaka PDC ribashe kubahiriza ayo mahame, ryiyemeje intego zikurikira :

1. Guhagurukiriza abanyarwanda umurimo no kurwanya ubudahwema ubukene, ubujiji n'ubwironde mu banyarwanda ;

2. Gushyira imbere ubupfura mbere yo kurangamira ubukire bw'umutungo ;

3. Kubahiriza uburenganzira bwa buri muntu ;

4. Guharanira no kwigisha amahoro, ubumwe, ubufatanye n'ubwuzuzanye hagati y'abatuye Igihugu, akarere n'isi yose ;

5. Guteza imbere ubuvandimwe mu bayoboke baryo by'umwihariko, no mu banyarwanda bose muri rusange.

6. Guhuza abanyarwanda mu bitekerezo no mu mikorere bishimangira ubumwe bwabo

7. Gutoza abanyarwanda kujya impaka zubaka kugirango bagire uruhare rugaragara mu buzima bw'igihugu.

Mu buryo Ishyaka PDC rizakoresha kugira ngo rigere kuri izo ntego harimo : kujya inama no kwihugura, gutangaza inyandiko, kwifashisha itangazamakuru n'itumanaho, isobanura rihozaho, guhuza no kunga abafitanye ibibazo.

**Umutwe wa 2** : **Ibyerekeye abayoboke**

**Ingingo ya 3** :

Ishyaka PDC ryemera abayoboke b'ibyiciro bibiri :
1. Abayoboke nyirizina ;
2. Abayoboke bashyigikira Ishyaka.

**Ingingo ya 4** :

Kuba umuyoboke nyirizina byemererwa abayoboke bashinze Ishyaka n'abaryinjiyemo nyuma nta vangura iryo ari ryo ryose, nk'irishingiye ku gitsina, ku isano muzi, ku bwoko, ku idini, ku karere, ku rurimi, ku bukungu,n'ibindi, kandi bujuje ibisabwa bikurikira :

1. Kuba afite ubwenegihugu bw'u Rwanda ;
2. Kwemera amahame ya PDC ;
3. Kwemera amategeko agenga Ishyaka, n'amategeko ngengamikorere yaryo ;
4. Kuba atari mu wundi mutwe wa politiki ;
5. Kuba afite nibura imyaka 18 y'amavuko.

**Ingingo ya 5** :

Kuba umuyoboke ushyigikira Ishyaka byemererwa umuntu wese cyangwa ishyirahamwe bemera kandi bashyigikiye amahame y'Ishyaka PDC, ariko batagira uruhare mu buryo butaziguye mu bikorwa byaryo bya politiki.Abayoboke bashyigikira Ishyaka bashobora kujya mu nama z'inzego za PDC ariko ntibatora.

**Ingingo ya 6** :

Kwinjira mu Ishyaka PDC ni ubushake bw'umuntu. Ibaruwa ibisaba iherekejwe n'umwirondoro, ishyikirizwa umuyobozi w'Ishyaka mu rwego rw'Intara cyangwa rw'Umujyi wa Kigali. Kwakira umuyoboke bikorwa na Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali, bikemezwa burundu na Biro Politiki.

**Ingingo ya 7** :

Umuyoboke wese ashobora gusezera muri PDC yandikiye umuyobozi w'Ishyaka mu rwego rw'Intara cyangwa rw'Umujyi wa Kigali. Uko gusezera kwemerwa na Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali ikabimenyesha Biro Politiki.

**Ingingo ya 8** :

Umuyoboke wese ashobora kwirukanwa mu Ishyaka PDC iyo yishe bikomeye kandi nkana amahame remezo, amategeko n'amategeko ngengamikorere y'Ishyaka PDC, cyangwa yanyuranyije ku bushake n'imyitwarire iboneye isabwa muri PDC. Gusezerera umuyoboke bikorwa na Biro Politiki.

**Umutwe wa 3 : Ibyerekeye uburenganzira n'inshingano by'abayoboke**

**Ingingo ya 9** :

Abayoboke bose ba PDC bafite uburenganzira bungana cyane cyane mu birebana n'ibi bikurikira :

1. Gutora no gutorwa mu nzego zose z'Ishyaka,hakurikijwe amategeko;
2. Kumenyeshwa ibikorerwa mu Ishyaka byose;
3. Kujya mu nama z'Ishyaka no kugira uruhare mu bikorwa byose by'Ishyaka ;
4. Kurengerwa n'Ishyaka igihe uburenganzira bw'umuyoboke buhungabanyijwe azira ko ari muri PDC;
5. Gutangwaho umukandida na PDC mu myanya ya Leta itorerwa hakurikijwe ibisabwa bidashingiye ku marangamutima byemejwe na Biro Politiki.

**Ingingo ya 10** :

Mu nshingano z'umuyoboke nyirizina wa PDC harimo :

1. Gusakaza amatwara ya PDC ;
2. Gukurikiza amahame remezo, amategeko agenga Ishyaka, amategeko ngengamikorere, n'ingengabitekerezo yaryo ;
3. Kubahiriza ibyemezo n'amabwiriza by'Ishyaka ;
4. Kugira uruhare mu bikorwa by'Ishyaka, cyane cyane mu nama no mu matora yakoreshejwe na PDC ;
5. Kwirinda igihe icyo ari cyo cyose n'aho ari ho hose imyifatire ishobora guhindanya isura nziza ya PDC, gutesha abayobozi bayo icyubahiro, no kuyobya abayoboke igatuma batagendera ku ngengabitekerezo y'Ishyaka;
6. Gushyigikira amahame remezo, intego n'inyungu z'Ishyaka ;
7. Gutanga imisanzu buri gihe.

**Umutwe wa 4 :Ibyerekeye Inzego z'Ishyaka PDC**

**Icyiciro cya 1 :Ibyerekeye Inzego za PDC ku rwego rw'Igihugu**

**Ingingo ya 11**:

Inzego z'Ishyaka PDC ku rwego rw'Igihugu ni :

1. Kongere y'Igihugu ;
2. Biro Politiki ;
3. Komite Nyobozi.

**Akiciro ka 1: Ibyerekeye Kongere y'Igihugu**

**Ingingo ya 12** :

Kongere y'igihugu ni rwo rwego rw'ikirenga rw'Ishyaka.

Igizwe n'aba bakurikira :

- Abagize biro politiki ;
- Umuyoboke umwe umwe muri buri Karere n'Umujyi

**Ingingo ya 13** :

Inshingano za Kongere y'Igihugu ni izi :

1. Kwemeza no guhindura amahame remezo, amategeko agenga Ishyaka n'amategeko ngengamikorere yaryo, no kugena politiki rusange y'Ishyaka ;
2. Gutora abagize Komite Nyobozi ;
3. Gutanga abakandida b'Ishyaka mu itora rya Perezida wa Repubulika , mu matora y'abadepite ndetse n'andi matora ;

4. Kugaragaza umurongo w'Ishyaka ku bibazo bifitiye Abanyarwanda akamaro;
5. Guhindura cyangwa gukuraho bibaye ngombwa ibyemezo by'inzego zo hasi za PDC;
6. Gusesengura imigendekere ya politiki ya Leta no kuyitangaho ibitekerezo ;
7. Gukemura ibibazo bidafite urwego rubishinzwe cyangwa byznaniye izindi nzego z'Ishyaka.

**Ingingo ya 14** :

Kongere y'Igihugu iterana rimwe mu myaka ibiri n'igice mu gihembwe gisanzwe, igaterana mu gihembwe kidasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa kandi bisabwe na bibiri bya gatatu by'abayigize cyangwa by'abagize Biro Politiki

**Ingingo ya 15** :

Kongere y'Igihugu itumizwa kandi iyoborwa na Perezida wa PDC, ataboneka ikayoborwa na Visi Perezida wa mbere. Biro yayo igizwe n'abagize Komite Nyobozi y'Ishyaka.

**Akiciro ka 2 : Ibyerekeye Biro Politiki**

**Ingingo ya 16** :

Biro Politiki igizwe n'aba bakurikira :

- Abagize Komite Nyobozi ;
- Abaperezida ba za Komisiyo zihoraho ku rwego rw'Igihugu ;
- Abagize Komite z'Intara n'Umugi wa Kigali;
- Abahagarariye PDC mu Nteko ishinga amategeko no muri Guverinoma ;
- Abandi banyacyubahiro bagenwa na Komite Nyobozi hakurikijwe imyanya y'ubuyobozi barimo cyangwa ubushobozi bwabo.

**Ingingo ya 17** :

Biro Politiki ni rwo rwego rugena ingengabitekerezo n'ibyerekezo bikuru by'Ishyaka mu byiciro byose.

Mu byo Biro Politiki ishinzwe harimo :

1. Kugena no guha umurongo ingengabitekerezo y'Ishyaka;
2. Kugena politiki y'ubufatanye bw'Ishyaka PDC n'indi mitwe ya politiki yaba iyo mu Rwanda cyangwa mu bindi bihugu ;
3. Kwemeza amadosiye yo mu rwego rwa tekiniki atari mu yemezwa na Kongere y'Igihugu ;
4. kugena ingano y'umusanzu utangwa n'abayoboke ba PDC;
5. Kwemeza ingengo y'imari ;
6. kwemeza gahunda y'ibikorwa;
7. Gukora indi murimo wose ishinzwe na Kongere y'Igihugu.

**Ingingo ya 18** :

Biro Politiki iterana rimwe mu mezi atatu n'igihe cyose bibaye ngombwa cyangwa bisabwe na Komite Nyobozi.

**Akiciro ka 3** : **Ibyerekeye Komite Nyobozi**

**Ingingo ya 19** :

Komite Nyobozi igizwe n'aba bakurikira :

- Perezida ;
- Visi Perezida wa mbere;
- Visi Perezida wa kabiri ;
- Umunyamabanga Mukuru ;
- Umubitsi Mukuru ;
- Abajyanama batanu bashinzwe izi nzego zikurikira :
    1. Ibyerekeye « Gender » n'imibereho myiza y'abaturage ;
    2. Ibyerekeye ubukungu;
    3. Ibyerekeye uburezi, ubumenyi, ikoranabuhanga n'umuco;
    4. Ibyerekeye politiki, ubutegetsi n'amategeko;
    5. Ibyerekeye imibanire n'imikoranire n'izindi nzego.

**Ingingo ya 20** :

Abagize Komite Nyobozi batorwa na Kongere y'Igihugu, bagatorerwa manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe ku mwanya umwe. Ariko bashobora kongera gutorwa haciyemo manda imwe. Bashobora kuvanwa ku mirimo byemejwe na bibiri bya gatatu by'abagize Kongere y'Igihugu.

**Ingingo ya 21** :

Komite Nyobozi ni rwo rwego ruyobora Ishyaka.

Komite Nyobozi ishinzwe :

1. Imicungire ya buri munsi y'Ishyaka ;
2. Gushyira mu bikorwa ibyemezo bya Kongere y'Igihugu n'ibya Biro Politiki ;
3. Gufata ibyemezo no gutanga amabwiriza yihutirwa ku buryo hatategerezwa ko Biro Politiki cyangwa Kongere y'Igihugu iterana, ariko nyuma ikabishyikiriza urwego rw'Ishyaka rubifitiye ububasha ngo rubyemeze ;
4. Kugenzura ibikorwa by'ishyaka igashyikiriza raporo Kongere y'Igihugu na Biro Politiki ;
5. Guhuza ibikorwa byo kwamamaza abakandida b'Ishyaka mu itora rya Perezida wa Repubulika no mu matora y'abadepite ndetse n'ayandi ;

6. Guhagarika by'agateganyo ibyemezo byafashwe n'inzego zo hasi z'Ishyaka igihe binyuranyije n'amategeko agenga Ishyaka, amategeko ngengamikorere cyangwa inyungu za PDC ;
7. Guha Biro Politiki inama yerekeranye n'ingano y'umusanzu fatizo w'Ishyaka ;
8. Kwishingira iyubahirizwa ry'ingengabitekerezo na porogaramu by'Ishyaka;
9. Gutegura inama za Kongere y'Igihugu na Biro Politiki ;
10. Gutegura ibyo ibona byahinduka mu mategeko agenga Ishyaka ikabishyikiriza Kongere y'Igihugu kugira ngo ibyemeze ;
11. Gukora umushinga w'ihindura ry'amategeko ngengamikorere y'Ishyaka ;
12. Gukurikirana ibikorwa bya za Komisiyo tekiniki za PDC ;
13. Gutegura umushinga w'ingengo y'imari.

**<u>Ingingo ya 22</u> :**

Komite Nyobozi iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi iyoborwa na Perezida wa PDC ataboneka ikayoborwa na Visi Perezida wa mbere.

**<u>Ingingo ya 23</u> :**

Perezida w'Ishyaka PDC niwe Uhagarariye Ishyaka imbere y'amategeko.
Inshingano za Perezida w'Ishyaka ni izi zikurikira :

1. Guhagararira Ishyaka haba mu gihugu cyangwa mu mahanga ;
2. Guhuza ibikorwa by'Ishyaka ;
3. Gushaka no gutsura umubano mwiza n'ubufatanye hagati y'Ishyaka n'inzego z'ubutegetsi bwa Leta, indi mitwe ya politiki n'imiryango ku rwego rw'Igihugu, iyo ku rwego rw'akarere n'iyo ku rwego mpuzamahanga ;
4. Gutumiza no kuyobora inama z'inzego z'igihugu z'Ishyaka ;
5. Gushyiraho abakozi b'Ishyaka ;
6. Gushyira umukono ku nyandiko za PDC ;
7. Gushyira mu bikorwa intego na porogaramu ahabwa n'inzego za PDC ku rwego rw'igihugu ;
8. Gutuma Ishyaka rikora, rigira ubumwe mu mikorere yaryo kandi rigakoresha uburyo butuma rigera ku ntego yaryo ;
9. Guhagararira Ishyaka mu bucamanza, abikoze ubwe cyangwa ashyiraho umwunganira.

Ariko ashobora guha bumwe muri ubwo bubasha undi muntu mu bagize Komite Nyobozi.

**<u>Ingingo ya 24</u>**

Bitabangamiye amahame y'Ishyaka n'amategego agenga Ishyaka, Perezida wa PDC, amaze kumva inama ya Komite Nyobozi, ashobora gufata icyemezo cyose abona cyihutirwa kandi gikenewe mu kurengera inyungu z'Ishyaka. Icyo cyemezo gishyikirizwa Biro Politiki mu nama ikurikira kugira ngo icyemeze cyangwa igihindure bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 25** :

Iyo Perezida wa PDC agize impamvu imubuza gukora imirimo ye, yeguye ku mirimo cyangwa apfuye, asimburwa na Visi Perezida wa mbere. Icyo gihe Visi Perezida wa mbere akoresha itora ry'usimbura Perezida mu minsi mirongo cyenda, ahamagaje Kongere y'Igihugu mu gihembwe kidasanzwe. Iyo Visi Perezida wa mbere atabonetse asimburwa n'undi mu bagize Komite Nyobozi hakurikijwe uko bakurikirana mu ngingo ya 19 y'aya mategeko ngengamikorere.

**Ingingo ya 26** :

Visi Perezida wa mbere niwe Uhagarariye Ishyaka wungirije wa mbere.
Ashinzwe kandi :

- Guhuza no gukurikirana imigendekere y'imirimo yerekeye politiki, ubutegetsi, n'amategeko, imibanire n'imikoranire y'Ishyaka n'izindi nzego ;
- Gukangura abayoboke no kwamamaza amahame y'Ishyaka n'ingengabitekerezo yaryo.

**Ingingo ya 27** :

Visi Perezida wa kabiri ni we Uhagarariye Ishyaka wungirije wa kabiri.
Ashinzwe na none :

- Guhuza no gukurikirana imigendekere y'imirimo ijyanye n'ubukungu, uburezi,ubumenyi ,ikoranabuhanga, imibereho myiza,urubyiruko n'umuco ;
- Gukurikirana ibikorwa byo gushakisha no gukusanya umutungo.

**Ingingo ya 28** :

Umunyamabanga Mukuru ni we mwanditsi w'inama zose zikozwe n'inzego za PDC ku rwego rw'igihugu.
Ashinzwe kandi :

- Gucunga abakozi b'Ishyaka ;
- Gukora, kubika neza, gushyira ahagaragara inyandiko no gushyira umukono wa kabiri kuri za raporo n'inyandikomvugo z'inama z'Ishyaka ku rwego rw'igihugu ;
- Gushyira umukono hamwe n'umubitsi ku mpapuro zigaragaza amafaranga agomba gusohoka ;
- Gutegura imbanzirizamushinga ya gahunda y'ibikorwa by'Ishyaka.

**Ingingo ya 29** :

Umubitsi Mukuru ashinzwe imicungire myiza y'umutungo w'Ishyaka.
Agomba cyane cyane :

- Kugira impapuro zigaragaza uko umutungo wifashe n'uko ukoreshwa buri gihe ;
- Kwakira imisanzu n'inkunga zigenewe Ishyaka ;
- Kwerekana uburyo bunoze bwo kubona imisanzu n'undi mutungo;
- Gushyira umukono hamwe n'Umunyamabanga Mukuru ku mpapuro zigaragaza amafaranga agomba gusohoka ;
- Gushyikiriza Biro Politiki raporo igaragaza uko umutungo ukoreshwa n'uko wifashe ;
- Gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'Imari.

**Ingingo ya 30** :

Abajyanama bashinzwe gutanga inama za politiki na tekiniki mu nzego bashinzwe.

**Icyiciro cya 2 : Ibyerekeye inzego z'Intara n'Umujyi wa Kigali**

**Ingingo ya 31** :

Inzego z'ishyaka ku rwego rw'Intara n'Umugi wa Kigali ni izi :

- Kongere y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali ;
- Komite y'Intara n'Umujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 32** :

Kongere y'Intara n'Umujyi wa Kigali igizwe n'abayoboke bose bo muri iyo Ntara cyangwa mu Mugi wa Kigali.

Ishinzwe :
- Gutora abagize Komite y'Intara n'Umujyi wa Kigali ;
- Gutegura ibyifuzo bisuzumirwa muri Kongere y'igihugu;
- Gufata ibyemezo bituma Ishyaka rishinga imizi mu Ntara n'Umujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 33** :

Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali igizwe na Perezida, ba Visi Perezida babiri, Umunyamabanga, Umubitsi n'abajyanama batanu, bose batorerwa manda y'imyaka itanu, bagatorwa n'abayoboke b'Ishyaka ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.

Abayobozi batowe ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali bashobora gusezererwa ku buyobozi byemejwe na bibiri bya gatatu by'abagize urwo rwego.

Inshingano zabo zisa n'iz'abagize Komite Nyobozi ariko zo zikaba ziri ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 34 :

Perezida wa Komite y'Intara n'Umujyi wa Kigali ni nawe Perezida wa Kongere y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali kandi niwe uhagarariye Ishyaka ku rwego rw'Intara cyangwa rw'Umujyi wa Kigali.

Icyiciro cya 3 : Ingingo zireba inzego zose

Ingingo ya 35 :

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 25 y'aya mategeko ngengamikorere, iyo umuyoboke watorewe kujya mu rwego rw'Ishyaka yeguye, asezerewe, apfuye cyangwa agize indi mpamvu imubuza burundu gukora imirimo ye, Biro Politiki cyangwa Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali ishyiraho umusimbura, nyuma igakoresha itora mu minsi mirongo itandatu.

Ingingo ya 36 :

Itora ry'abagize inzego z'Ishyaka rigomba kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo.

Ingingo ya 37 :

Manda y'abari mu nzego z'Ishyaka bashyizweho biciye mu matora imara imyaka itanu kandi ntawe ushobora kurenza manda ebyiri zikurukiranye ku mwanya umwe.

Ingingo ya 38 :

Mu matora no mu gufata ibindi byemezo, umuyoboke ashobora guhagararirwa n'undi yabihereye uburenganzira mu nyandiko. Ntawe ushobora guhagararira abarenze umwe.

Ingingo ya 39 :

Buri gihe cyose bishoboka ,nta wemerewe kubangikanya imirimo ibiri itorerwa, uretse mu buryo buteganywa n'amategeko agenga Ishyaka.

Icyiciro cya 7 : Ibyerekeye Komisiyo

Ingingo ya 40 :

Ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, hashyizweho komisiyo zihoraho zikurikira :

1. Komisiyo ya "gender", n'imibereho myiza y'abaturage ;
2. Komisiyo y'ubukungu ;
3. Komisiyo y'uburezi, ubumenyi, ikoranabuhanga n'umuco;
4. Komisiyo ya politiki, ubutegetsi n'amategeko ;
5. Komisiyo ishinzwe imibanire n'imikoranire n'izindi nzego ;
6. Komisiyo ishinzwe disipuline.

**Ingingo ya 41**:

Komisiyo ya Gender n'imibereho myiza y'abaturage ishinzwe :

- Ibyerekeye uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore ;
- Ibyerekeye umuryango n'ubwiyongere bw'abaturage ;
- Ibyerekeye ubuzima ;
- Ibyerekeye ubwiteganyirize ;
- Ibyerekeye imibereho myiza muri rusange ;
- Ibyerekeye abafite imibereho yihariye.

**Ingingo ya 42** :

Komisiyo ya politiki, ubutegetsi n'amategeko ishinzwe :

- Ibyerekeye politiki, ubutegetsi n'imitegekere ;
- Ibyerekeye ubucamanza ;
- Ibyerekeye itangazamakuru ;
- Ibyerekeye abantu, ibintu, inshingano, umutungo n'izungura;
- Ibyerekeye umutekano ;
- Ibyerekeye uburenganzira bwa muntu.

**Ingingo ya 43** :

Komisiyo y'ubukungu ishinzwe :

- Ibyerekeye ubucuruzi,inganda n'imari ;
- Ibyerekeye ibikorwa remezo ;
- Ibyerekeye ubuhinzi n'ubworozi;
- Ibyerekeye umutungo kamere n'ibidukikije ;
- Ibyerekeye ubukerarugendo.

**Ingingo ya 44** :

Komisiyo y'uburezi, ubumenyi, ikoranabuhanga n'umuco ishinzwe :

- Ibyerekeye uburezi ;
- Ibyerekeye imyigishirize ;
- Ibyerekeye ikoranabuhanga ;
- Ibyerekeye ubuhanzi, ubwanditsi n'ubushakashatsi ;
- Ibyerekeye urubyiruko;
- Ibyerekeye umuco, imikino n'imyidagaduro.

**Ingingo ya 45** :

Komisiyo y'imibanire n'imikoranire n'izindi nzego ishinzwe:

- Ibyerekeye ububanyi n'amahanga n'ubutwererane;
- Ibyerekeye imibanire n'izindi nzego zaba iza Leta cyangwa izitagengwa na Leta.

**Ingingo ya 46** :

Komisiyo ya disipuline ishinzwe :

- Gukurikirana ibyerekeye imyitwarire y'abayoboke mu bikorwa byabo bifitanye isano n'Ishyaka ;
- Gukurikiranira hafi uko abayoboke bubahiriza inshingano zabo ;
- Gutanga inama ku byerekeye ibihano byafatirwa abayoboke bateshutse ku nshingano zabo.

**Ingingo ya 47** :

Ku rwego rw'Igihugu, hashyizweho Komisiyo ishinzwe gukemura impaka no gusobanura ku buryo butavuguruzwa amahame n'amategeko y'Ishyaka. Abayigize batorwa na Kongere y'Igihugu.
Iyo Komisiyo ishinzwe :

- Gukemura impaka n'amakimbirane hagati y'abayoboke cyangwa inzego z'Ishyaka ;
- Gutanga inama ku makimbirane hagati y'Ishyaka n'izindi nzego ;
- Gusobanura ibikubiye mu mategeko agenga Ishyaka no mu mategeko ngengamikorere yaryo aho bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 48** :

Ku rwego rw'Igihugu, komisiyo zimenyesha Komite Nyobozi ibyo zikora, naho ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali zibimenyesha Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 49** :

Buri muyoboke wa PDC ashobora kujya muri komisiyo yihitiyemo akurikije ubushobozi afite mu byo akora. Ariko, Komite Nyobozi cyangwa komite z'Intara cyangwa Umugi wa Kigali zifite ububasha bwo gushyira abayoboke muri za komisiyo hakurikijwe ibyo Ishyaka rikeneye.

**Ingingo ya 50** :

Buri komisiyo yitoramo Perezida,Visi Perezida n'Umunyamabanga ukora raporo z'inama.

**Ingingo ya 51** :

Komisiyo ziterana buri gihe nibura inshuro imwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa cyangwa bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa se na Komite y'Intara cyangwa y'Umugi wa Kigali.

**Ingingo ya 52** :

Bitabangamiye imikorere n'ububasha bwa za Komisiyo zihoraho, kandi hashingiwe ku nyungu z'Ishyaka, kuri buri cyiciro cy'urwego rw'Ishyaka, za komite zishobora gushyiraho komisiyo tekiniki zihariye no gukora amatsinda y'akazi zikayagenera inshingano, igihe agomba kumara n'abayagize.Zishobora kwifashisha mu mirimo yazo umuntu wese zibona yazifasha mu gufata icyemezo. Ijwi rye rifatwa nk'inama.

**Umutwe wa 5: Ibyerekeye inama n'uburyo bwo gufata ibyemezo**

**Ingingo ya 53** :

Bitabangamiye ingingo ibikubiye mu ngingo 14 y'aya mategeko ngengamikorere, kuri buri cyiciro cy'inzego za PDC, ba Perezida batumiza inama kandi bakaziyobora. Ubutumire bugaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa kandi bukagezwa ku bayoboke hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu ngo inama ibe iyo ari inama zisanzwe, keretse iyo byihutirwa. Iyo ibyo bitubahirijwe n'urwego rwo hasi, ururusumbye rushobora kubikora mu mwanya warwo.

**Ingingo ya 54** :

Umubare wa ngombwa kugirango inama z'Ishyaka ku rwego urwo arirwo rwose ifate ibyemezo ni ubwiganze burunduye bw'abayoboke nyirizina barugize.

**Ingingo ya 55** :

Mu nama zose z'Ishyaka, ubwisanzure mu gutanga igitekerezo buremewe, ariko bigakorwa mu bwubahane na disipuline kugira ngo haboneke umwuka mwiza wa demokarasi, ubwumvikane n'ubumwe muri icyo gikorwa.

**Ingingo ya 56** :

Muri buri rwego rwa PDC, ibyemezo bifatwa ku bwumvikane, bitashoboka bikanyuzwa mu itora ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abayoboke nyirizina baje mu nama. Iyo amajwi angana, hakorwa ikindi cyiciro cy'itora. Iyo amajwi akomeje kungana, ijwi ry'umuyobozi w'inama ni ryo rigaragaza igice cyatsinze.

**Ingingo ya 57** :

Itora rikorwa bazamura akaboko, bahamagara mu izina cyangwa bandika. Uburyo bakoresha batora bwumvikanwaho mbere y'uko itora rikorwa.

**Ingingo ya 58** :

Buri nama y'inzego z'Ishyaka n'iya za komisiyo ikorerwa inyandikomvugo ishyirwaho umukono n'uwayoboye inama n'umwanditsi wayo,ikabikwa mu bubiko bw'inyandiko bwa buri rwego rw'Ishyaka rurebwa. Kopi ishyikirizwa umuyobozi w'urwego rwisumbuye mu minsi cumi n'itanu.Iyo umwanditsi uteganywa na stati z'Ishyaka adashoboye kuboneka, inama ishyiraho umusigariraho uwo munsi.

Ingingo ya 59 :

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 14 y'aya mategeko ngengamikorere, inama zidasanzwe z'inzego zose z'Ishyaka zitumizwa ari Perezida w'urwego rw'Ishyaka rurebwa ubyibwirije cyangwa bisabwe na kimwe cya gatatu cy'abayoboke nyirizina cyangwa se na komite yarwo. Ziga gusa ibiri ku murongo w'ibyigwa byemejwe mu ntangiriro y' inama.

Ibyerekeye ibitangazwa

Ingingo ya 60

Igitangajwe cyose kireba Ishyaka kigomba gushyirwaho umukono na Perezida w'Ishyaka cyangwa n'uwo yahaye ububasha mu buryo bwemewe n'amategeko.

Ingingo ya 61

Ikinyamakuru cya PDC cyitwa "Le Centriste". Gikurikiza amategeko agenga itangazamakuru.

Umutwe wa 6 : Ibyerekeye Disipuline

Ingingo ya 62 :

Amakosa ahanirwa ni aya akurikira :

1. Ibikorwa binyuranyije n'amahame n'amategeko agenga PDC ;
2. Ibikorwa cyangwa imyitwarire bibangamira inyungu z'Ishyaka ;
3. Ruswa no kunyereza umutungo wa rubanda n'uw'Ishyaka ;
4. Gukoresha imirimo ushinzwe ibyo udafitiye ububasha no kwivanga mu mirimo y'Ishyaka udashinzwe ;
5. Kutajya mu nama inshuro eshatu zikurikirana nta mpamvu igaragara kandi utabimenyesheje ababishinzwe.

Ingingo ya 63 :

Ibihano biteganyijwe ni ibi bikurikira :

1. Kugawa mu nyandiko;
2. Guhagarikwa mu gihe kitarenze amezi atandatu;
3. Kubuzwa gukora umurimo wose mu nzego z'Ishyaka mu gihe kitarenze amezi abiri;
4. Kubuzwa gutora cyangwa gukora mu izina ry'Ishyaka umurimo utorerwa mu mu gihe kitarenze amezi abiri;
5. Gusezererwa mu Ishyaka.

Ingingo ya 64 :

Ibihano bigenwa kandi bitangwa na Biro politiki. Igihano cyoroheje nicyo kibanzirizwaho, keretse iyo ari ikosa rikomeye cyangwa habaye insubiracyaha..
Nta gihano gishobora gufatirwa umuyoboke wa PDC atabanje kwihanizwa mu nyandiko kandi atabanje guhabwa uburyo bwo kwiregura.

Ingingo ya 65:

Impaka zose zivutse zikemurwa na Komisiyo ishinzwe gukemura impaka ivugwa mu ngingo ya 47 y'aya mategeko ngengamikorere. Iyo impaka zidakemutse zishyikirizwa Kongere y'Igihugu.

Umutwe wa 7 : Ibyerekeye umutungo w'Ishyaka

Ingingo ya 66 :

Umutungo wa PDC ugizwe n'ibi bikurikira :

1. Umusanzu w'abayoboke ba PDC ;
2. Umutungo ukomoka ku bikorwa mbonezamubano n'umuco n'ibindi bikorwa byongera umusaruro ;
3. Imirage, imfashanyo n'impano ;
4. Inkunga ya Leta.

Ingingo ya 67:

Biro Politiki niyo igena ingano y'umusanzu wa buri muyoboke n'uburyo utangwa..

Ingingo ya 68 :

Inzego zishinzwe gucunga umutungo w'Ishyaka zigomba gushyira ahagaragara buri mwaka ibyinjiye, ibyasohotse n'uko byakoreshejwe n'ibikenewe kugirango Ishyaka rikore neza.

Ingingo ya 69 :

Ingengo y'imari ikoreshwa kuva tariki ya 1 Mutarama igasozwa tariki ya 31 Ukuboza buri mwaka.

Ingingo ya 70 :

Ingengo y'imari ya PDC ikoreshwa cyane cyane mu guhemba abakozi b'Ishyaka, gushora mu bikorwa bibyara inyungu no gukoresha mu mirimo ya buri munsi y'Ishyaka.

Ikoreshwa na none mu murimo w'ubwanditsi bw'ikinyamakuru cy'Ishyaka, mu kugura ibitabo n'ibinyamakuru byo kwifashisha, no mu bindi byose bishobora guteza imbere intego y'Ishyaka.

Ingingo ya 71 :

Gusohora amafaranga ayo ari yo yose bitangirwa uburenganzira n'Umubitsi Mukuru afatanyije n'Umunyamabanga Mukuru.

Ingingo ya 72 :

Umutungo utimukanwa w'Ishyaka wandikwa mu izina ry'Ishyaka. Gukoresha amafaranga icyo atateganyirijwe, kuyaguriza, cyangwa kuyatangaho ingwate ntibishobora gukorwa bidatangiwe uburenganzira na Biro Politiki.

**Umutwe wa 8 : Ibyerekeye umubano n'izindi nzego**

Ingingo ya 73:

PDC ishobora kugirana umubano n'indi mitwe cyangwa imiryango yaba iyo mu Rwanda cyangwa yo hanze mu gihe bitabangamiye ubumwe bw'abanyarwanda n'inyungu z'Igihugu muri rusange.

Ingingo ya 74:

Ishyaka PDC rishobora kugirana n'indi mitwe ya politiki yemewe mu Rwanda amasezerano yo kwishyira hamwe cyangwa se yo kwibumbira mu mutwe umwe. Kwishyira hamwe byemezwa na Biro Politiki ; naho kwibumbira hamwe bikemezwa na Kongere y'Igihugu.

**Umutwe wa 9 : Ingingo z'inzibacyuho n'izisoza**

Ingingo ya 75:

Mu gihe Kongere y'Igihugu ya mbere itarashobora guterana, Biro Politiki niyo ifata ibyemezo byihutirwa biri mu nshingano za Kongere y'Igihugu.

Ingingo ya 76:

Aya mategeko ngengamikorere ashobora guhindurwa na Kongere y'Igihugu ku bwiganze bwa ¾ by'abayigize.

Ingingo ya 77 :

Aya mategeko ngengamikorere ya PDC atangira gukurikizwa umunsi ashyiriweho umukono n'abagize inteko rusange yayemeje.

Kigali, ku wa 6 nyakanga 2003